# NYAMAGABE DISTRICT NEWSLETTER

*August 01-31/2022*




## IBIRIMO

1.URUZINDUKO RWA NYAKUBAHWA PEREZIDA WA REPUBLIKA MU KARERE KA NYAMAGABE

2.INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA

3. IJAMBO RY'UMUYOBOZI W'AKARERE KA NYAMAGABE MU RUZINDUKO RWA NYAKUBAHWA PEREZIDA WA REPUBLIKA

4.GUTANGIZA INTORE MU BIRUHUKO

## PEREZIDA KAGAME YASUYE UMUKECURU NYIRAMANDWA

Mu ruzinduko Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame yakoreye mu Karere ka Nyamagabe ku wa 26/08/2022, yasuye Umukecuru urengeje imyaka 110 witwa Nyiramandwa Rachel.

Umukuru w'Igihugu yasuye uyu mukecuru iwe mu rugo mu Kagali ka Ngiryi mu Murenge wa Gasaka. Ni nyuma y'uko bari bamaze kubonana inshuro zitandukanye bahuriye kuri Stade Nyagisenyi kuri iyi nshuro Umukuru w'Igihugu akamusanga iwe mu rugo.





## PEREZIDA KAGAME YAGANIRIYE N'ABATURAGE

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yaganiriye n'abaturage barenga 80,000 baturutse mu Mirenge itandukaye y'Akarere ka Nyamagabe.

Mu ijambo yagejeje ku baturage, Perezida Kagame yashimye abaturage bigomwe ibyo bakoraga bakaza kumwakira, yashimye intambwe nini imaze guterwa yongeraho ko 'aho tuva ni kure ntabwo turagera aho twifuza'

# Perezida Kagame yasuye Akarere ka Nyamagabe

Ku wa 26 Kanama, 2022, Nyakubahwa Perezida wa Republika y'u Rwanda Paul Kagame yasuye Akarere ka Nyamagabe maze aganira n'abaturage kuri Stade Nyagisenyi.

Mbere yo guhura n'abaturage, Perezida Kagame yasuye Umukecuru Nyiramandwa Rachel wagejejweho gahunda za Leta zitandukanye zikura abaturage mu bukene.

Mu ijambo yagejeje ku baturage, Perezida Kagame yashimye abaturage bigomwe ibyo bakoraga bakaza kumwakira, yashimye intambwe nini imaze guterwa yongeraho ko 'aho tuva ni kure ntabwo turagera aho twifuza'.

Umukuru w'Igihugu yasezeranyije abaturage ba Nyamagabe ko mu mihanda, amazi n'inganda bidahagaze neza avuga ko bigomba kuzamuka. By'umwihariko yavuze ko abaturage bakeneye amazi meza kandi abegereye bakarekera gukora ingendo ndende bajya kuvoma.

Yagarutse ku muhora wa Kaduha-Gitwe avuga ko udakwiriye gusigara inyuma ugomba kujyana n'abandi mu ntambwe batera.

Yagize ati"Hagaragarayo ubukene bwinshi, nta mihanda ihari, nta bikorwa remezo bihari n'ibindi byinshi. Ibyo bikwiriye guhinduka, guteza Igihugu imbere ni uguteza ibice by'igihugu byose imbere"



Perezida Kagame yavuze ko Nyamagabe by'umwihariko harimo hagenda hagaragara ibikorwa ashimira abikorera, ibyo Leta ikora ariko avuga ko bitaragera ahashimishije asaba ko hakongerwa imbaraga.

Yagize ati"Twongere imbaraga, imbaraga rero ziva mu bufatanye, mu bwuzuzanye, abayobozi ku rwego urwo arirwo rwose bagomba kubanza kumva inshingano iremereye bafite bagahangayikishwa n'uko abaturage bayoboye hari ibyo bakeneye, bifuza ubundi bishobora kuboneka ariko bitabageraho, ibyo nibyo bidusaba ko dukora kandi tugomba gukorana, abayobozi bagakurikirana bakareba igishoboka".

Muri uru ruzinduko, Umukuru w'Igihugu yagaragarijwe ibyagezweho mu Karere ka Nyamagabe harimo nk'isoko rya kijyambere rya Nyamagabe, ubuhunzi, gukwirakwiza ibikorwa remezo n'ibindi.

Hagaragajwe kandi imbogamizi zikibangamiye iterambere ry'abaturage nko kutagira imihanda myiza ibafasha mu migenderanire.



# IJAMBO UMUYOBOZI W'AKARERE KA NYAMAGABE YAGEJEJE KU BITABIRIYE URUZINDUKO RW'UMUKURU W'IGIHUGU

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,
Bayobozi mu nzego zose,

Imparirwamihigo za Nyamagabe, dufite ibyishimo n'umunezero byinshi byo kubakira muri iki gitondo. Tubifurije ikaze n'ibihe byiza mu karere kacu.

Akarere ka Nyamagabe ni kamwe mu turere 8 tugize intara y'Amajyepfo y'u Rwanda. Gafite imirenge 17, utugari 92 n'imidugudu 536; gatuwe n'abaturage 374,170 (51% by'abagore). Ubucukike ni 313/km2.
Abaturage b'akarere ka Nyamagabe ni abakozi bakunda umurimo babeshejweho cyane cyane n'ubuhinzi, ubworozi, n' ubushabitsi. Twishimiye ibyiza tumaze kugeraho duterwa n'ubuyobozi bwiza bwanyu.
Mu bukungu,

Tubashimiye ko mwadufashije kubaka isoko rya kijyambere mu karere ka Nyamagabe. Ubwo muheruka hano mu 2019 Nyakubahwa President wa Republika, mwasanze iri soko ryaratunaniye, mubidufashamo none ubu ryaruzuye kandi rirakoreshwa. Bitewe n'inama zanyu, abashoramari baryubatse, biyemeje kugabanura umwenda wa bank, maze biha intego guhuriza hamwe miliyoni 263 icyarimwe bitarenze ukwezi kwa cumi uyu mwaka. Ubu 31% byayo amaze kuboneka. Ibi bizatuma rikoreshwa neza kandi ryihutishe ishoramari mu karere.

Mwadufashije kubona Nkunganire ku ishwagara maze bituma umusaruro wacu wiyongera haba mu bwiza no bwinshi. Nk'igihingwa cy'ibirayi, umusaruro wavuye kuri 7T (2000) ugera kuri 25T/ha (2021). Ibirayi bya Nyamagabe, ni byo byiza mu gihugu bityo bikaba bishakwa na benshi. Izi mpinduka zagaragaye no ku bindi bihingwa nk'ibishyimbo, ibigori n'ingano.

Duhinga icyayi ku buso bwa ha 2,841.6, umusaruro wacyo ugatunganyirizwa mu nganda ebyiri za Kitabi na Mushubi. Ubwiza bw'icyayi cyera iwacu buza mu myanya itanu ya mbere muri Afrika. Tuzakomeza kongera ubuso bugihingwaho cyane cyane mu gace k'uruganda ka Mushubi.

Mu bwikorezi, tubashimira ko imihanda ya kaburimbo (10.4 km) mwatwemereye kubaka mu mujyi wacu, ubu igeze ku kigero cya 40% yubakwa. Iyi mihanda izongera ubwiza n'ishoramari mu mujyi wa Nyamagabe.

Amashanyarazi agera kuri 54% by'ingo ziri mu karere n'aho amazi meza akaba agera kuri 62%.

Muri gahunda y'ubwizigame bw'igihe kirekire ya EJO HEZA. akarere ka Nyamagabe kamaze kugira abizigamira 72,969 n' amafaranga 818,552,198FRW guhera mu mwaka wa 2018. Umwaka dushoje, akarere kacu kabaye aka mbere mu ntara y'amajyepfo mu kwizigamira amafranga menshi.

Mu mibereho myiza, naho dufite byinshi tubashimira Nyakubahwa President wa republika.

Mwadufashije kubaka ibyumba by'amashuri 585, ubwiherero 820 n' ibigo bishya by'imyuga 6 (TVET wings) mu myaka ibiri ishize. Ibi byumba byafashije kugabanura ubucucike mu mashuri n' urugendo abanyeshuri bakora bajya cg bava ku ishuri.

Dufite ibigo nderabuzima 19 n'amavuriro mato 40 bikora neza kandi byose bifite umuriro n'amazi.

Bicungwa n'ibitaro biri ku rwego rw'akarere 2. Tuzakomeza kubaka amavuriro mato ku buryo buri kagari kazaba gafite rimwe mu myaka ibiri iri imbere.

Abasaza n'abakecuru basaga ibihumbi bitandatu (6000) mwabahaye inkunga y'ingoboka kandi ibageraho ku gihe. Ibi bibafasha kugira ubuzima bwiza

Mu kwita k' ubuzima bw'umwana n'umubyeyi, twagabanuye umubare w'abana bagwingiye aho bavuye kuri 51% (2015) bagera kuri 33% (2020). Turakomeza kugabanura uyu mubare ku buryo uzagera byibuze mu nsi ya 19% mu myaka ibiri iri imbere.

Nyakubahwa President wa Republika, munyemerere nkoreshe uyu mwanya, mbagaragarize imbogamizi nke tugifite.

Mu bwikorezi, dufite imihanda ikeneye ko mudufasha ikubakwa. Muri yo, umuhanda wa Musebeya – Kaduha (26km) n'uwa Kaduha – Mugano – Mushubi (32 km) ikeneye ubufasha bwihuse kuko imaze imyaka irenga 5 idakoreshwa. Iyi mihanda ihuza imirenge icyenda n'ibitaro bya Kaduha; ikanahuza iyo mirenge n'amasoko manini y'igihugu cyacu. Ubu abaturage bacu bagorwa no kubona services z'ubuvuzi dore ko ibyo bitaro bikoreshwa ku kigero kiri munsi ya 40%.

Indi mihanda twifuza ko mudufasha ni uwa Temata – Ryarubondo uduhuza n'akarere ka Nyaruguru, Gasaka – Cyanika – Musange uduhuza n'akarere ka Ruhango; na Kitabi – Gahira – Gishyita uduhuza n'akarere ka Karongi. Iyi mihanda yakongera ubuhahirane n'utundi turere duturanye.

Mu kongera ikwirakwizwa ry'amazi meza, turifuza ko mudufasha kubaka uruganda rutunganya amazi mu murenge wa Musange no kwagura urwo dusanganwe rwa Gisuma rutagihaza abatuye umujyi wa Nyamagabe.

Ingo zifite amashanyarazi ziracyari nke. Turifuza ko akarere ka Nyamagabe gahabwa umwihariko kugira ngo tuzagere ku ntego yo guha amashanyarazi ingo zose mu myaka ibiri iri imbere.

Mu kwihaza mu biribwa, turifuza ko akarere ka Nyamagabe gahabwa gahunda y'umwihariko yo guca amaterasi, gutunganya ibishanga no kunoza neza uruhererekane nyongeragaciro rw'imboga n'imbuto cyane cyane mu mirenge iri mu muhora wa kaduha – Gitwe.

Mu bukerarugendo, turifuza ko amarembo ya pariki ya Nyungwe ari Kitabi nayo yahabwa isumbwe mu kuzamura ib
ikorwa by' ishoramari hubakwa amahoteli.
Mu myidagaduro, turabasaba ngo mudufashe kuvugurura iyi stade twicayemo.
Nyakubahwa Presida wa Republika, Twishimiye umwanya mwaduhaye, twiteguye kumva neza impanuro mwatugeneye, kandi twiteguye kuzishyira mu bikorwa. Imana ibahe umugisha





## INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAMAGABE

Ku wa 27/08/2022, abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe bateraniye mu nama idasanzwe y'inama Njyanama iyobowe na Perezida wayo. Iyi nama yasuzumye inemeza ibipimo bishya (new indicators) bijya muri gahunda y'iterambere ry'Akarere (DDS) inemeza imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange umwaka wa 2022-2023.

Abagize inama Njyanama kandi bashimye imitegurire n'ubwitabire mu ruzinduko Nyakubahwa Perezida wa Republika yagiriye mu Karere ka Nyamagabe ku wa 26/08/2022.

**Abajyanama bagaragaje ko n'ubwo nta ngingo y'ibindi yemewe mu gihe cy'inama idasanzwe y'Inama Njyanama ariko batabura gushimira Umukuru w'Igihugu wasuye Akarere ka Nyamagabe, gushima imyiteguro n'imigendekere myiza y'uru ruzinduko**

**ndetse no gushimira abaturage bagaragaje ubwitabire buri hejuru mu kwakira Umukuru w'Igihugu**



# Nyamagabe hatangijwe gahunda y'intore mu biruhuko

Ku wa 09/08/2022, mu Karere ka Nyamagab, kuri Stade Nyagisenyi habereye igikorwa cyo gutangiza gahunda y'Intore mu Biruhuko.

Ni igikorwa cyitabiriwe n'Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburezi Ushinzwe Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, Gaspard Twagirayezu ari hamwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Niyomwungeri Hildebrand, abayobozi batandukanye n'inzego z'umutekano.

Muri iki gikorwa, abana bagaragaje impano zabo, mu mukino w'amaguru, umukino njyarugamba wa karate, imbyino, ikinamico n'imivugo.

Mu butumwa, Umuyobozi w'Akarere yabwiye urubyiruko ko ibi biruhuko ari igihe nyacyo cyo gufata umwanya bakubaka ubuzima bwiza bakirinda imico mibi kugira ngo babe inkingi Igihugu cyubakiraho. Yavuze ko urubyiruko rugomba kugira intego kuko aribwo bazabasha kugira uruhare rufatika mu bikorwa by'iterambere, kurinda ubuzima bwabo, guteza imbere impano zabo no gusobanukirwa amateka n'indangagaciro z'umuco nyarwanda.

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburezi yasabye abana kuzitabira gahunda ziteganijwe muri iyi gahunda y'intore mu biruhuko abasaba kandi kuzakomeza kwiyibutsa amasomo kugira ngo bazabashe kurushaho gutsinda mu mwaka w'amashuri utaha.
Yibukije ko urubyiruko ari amizero y'Igihugu bakaba n'abayobozi b'ejo hazaza, yabasabye kugira umusanzu mu kubaka iterambere ry'Igihugu kugira ngo bazagire ahazaza heza kandi bagize uruhare rukomeye mu kuhubaka.
Gahunda y'Intore mu Biruhuko irimo irakorwa ku nsanganyamatsiko igira iti "Ibiruhuko bifite intego, agaciro kanjye".

***KURIKIRA AKARERE KA NYAMAGABE***

*Twitter: @Nyamagabe*
*Facebook: Nyamagabe District*
*Instagram: @nyamagabedistrict*
*website: www.nyamagabe.gov.rw*